Kurangwa n'isoni ni kimwe mu bigize ukwemera

Hadithi yaturutse kwa Abdillah Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yumvise umuntu umwe ari guha inyigisho mugenzi we zo kureka kurangwa n'isoni, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga iti: "Kurangwa n'isoni ni kimwe mu bigize ukwemera."
[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yumvise umuntu ugira inama mugenzi we z'uko akwiye kureka kugira isoni! Nuko Intumwa imubwira ko kugira isoni ari kimwe mu bimenyetso by'ukwemera, kandi ko igihe cyose isoni zizana ibyiza. Kugira isoni kandi ni umuco utuma nyirawo akora ibikorwa byiza akareka ibibi.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/5478